KINYARWANDA كيناروندا

# 3 IBICE BIGIZE TAWUHID:

GUHARIRA IMANA (NYAGASANI) IBYO YIHARIYE BIJYANYE NO KUBA NYAGASANI W'IBIREMWA, NDETSE N'UBUMANA , NDETSE N'IBIJYANYE N'AMAZINA YAYO N'IBISINGIZO BYAYO.

AMOKO YA TAWUHID NI ATATU:

### TAWUHID AL AS'MAI WA SWIFATI

ARIYO: NI UGUHARIRA IMANA (NYAGASANI) AMAZINA YIYISE IKANAYISINGIZA UBWAYO MU GITABO CYAYO CYANGWA SE YISINGIJE BINYUZE KU RURIMI RW'INTUMWA YAYO MUHAMAD (IMANA IMUHE AMAHORO N'IMIGISHA), IBYO BIGAKORWA DUHAMYA IBYO IMANA YIHAMIJE HO UBWAYO, NO GUHAKANA KU IMANA IBYO YIHAKANYE HO UBWAYO, HIRINDWA KUYASOBANURA UKO ADASOBANURWA, CYANGWA KUYATESHA AGACIRO, KUYAGERERANYA N'AYI BIREMWA NDETSE NO KUYASANISHA.

### TAWUHID AL ULUHIYAT

ARIYO: GUHARIRA IMANA (NYAGASANI) AMASENGESHO, CYANGWA SE IBIKORWA BYOSE BY'AMASENGESHO

### TAWUHID RUBUBIYAT

ARIYO: GUHARIRA IMANA (NYAGASANI) IBIKORWA BYE, CYANGWA GUHARIRA IMANA (NYAGASANI) UKUREMA, UBWAMI NO KUGENZA IBIRIHO BYOSE.

# INZEGO Z'IDINI YA ISLAM ESHATU

### AI IH'SANI

NI UGUSENGA IMANA (NYAGASANI) NKAHO IYIREBA, KUKO NIBA WOWE UTAYIREBA YO IRAKUREBA

**INKINGI IMWE MUNSI YAYO HARI INZEGO EBYIRI:**

1. AMASENGESHO AGARAGARA, UGOMBA GUSENGA IMANA NKAHO UYIREBA.
2. AMASENGESHO YO GUCUNGANA N'IMANA, KUKO NIBA UTAYIREBA YO IRAKUREBA.

### UKWEMERA

ARIBYO: KUVUGA KU RURIMI NO KWEMEZA K'UMUTIMA NO GUKORESHA INGINGO Z'UMUBIRI UKWEMERA KANDI KURIYONGERA KUKANAGABANYUKA.

**INKINGI ZO KWEMERA: 6**

1. KWEMERA IMANA
2. KWEMERA ABAMALAYIKA BAYO
3. KWEMERA IBITABO BYAYO
4. KWEMERA INTUMWA ZAYO
5. KWEMERA UMUNSI W'IMPERUKA
6. KWEMERA IGENO RY'IMANA RY'IBIBI N'IBYIZA KO BITURUKA KU IMANA

### ISLAM

ARIYO: KWICISHA BUGUFI KU IMANA (NYAGASANI) MU KUYIHARIRA AMASENGESHO, NO GUCA BUGUFI KURI YO TUYUMVIRA, KANDI TWITANDUKANYA N'IBANGIKANYAMANA IRYO ARIRYO RYOSE NDETSE N'ABARIKORA.

**INKINGI ZIGIZE ISLAM: 5**

1. KUVUGA UBUHAMYA BUBIRI (SHAHADATAYINI)
2. GUHOZAHO AMASENGESHO
3. GUTANGA ZAKAT
4. GUSIBA UKWEZI KWA RAMADHAN
5. GUKORA UMUTAMBAGIRO MUTAGATIFU, KU USHOBOYE KUGERA YO.

# 4 IBICE BIGIZE IBYAZIRIRIJWE

### IBYAHA BITOYA

NI IBYAHA (BIRI MUNSI Y'IBYAHA BIKURU), IBYAHA BIKURU: BIKURWAHO NO GUSABA IMBABAZI, NAHO IBYAHA BITOYA BIGAHINDUKA BIKURU IYO UMUNTU ABITSIMBARAYE HO. INTUMWA MUHAMADI (IMANA IMUHE AMAHORO N'IMIGISHA) YARAVUZE ATI "MUJYE MWIRINDA GUSUZUGURA IBYAHA, KUKO BIGENDA BIKIRUNDA KU MUNTU KUGEZA UBWO BIMURIMBUYE"

### IBYAHA BIKURU

IBYAHA BIKURU NI: (BURI CYAHA CYAGENEWE IGIHANO CYIHARIYE) NKO KUROGA, GUSUZUGURA ABABYEYI BOMBI, KURYA RIBA, GUSAMBANA, UBUTINGANYI, KUBESHYA, KUNYWA INZOGA, KWIBA GUSEBANYA, KWICA UMUNTU IMANA YAZIRIRIJE KWICWA NTA MPAMVU Y'UKURI NO KURYA IMITUNGO Y'INPFUBYI.

### IBANGIKANYAMANA RITOYA

(RIDAKURA UMUNTU MURI ISLAM, ARIKO RIKABA RIRI HEJURU Y'IBYAHA BIKURU) NKO KUBA UMUNTU YAVUGA ATI: IMANA NIBISHAKA NA WE UKABISHAKA, KURAHIRA IBITARI IMANA, GUKORERA IJISHO, KWAMBARA IMPIGI Z'IBANGIKANYA, KWEMERA IMYAKU Y'INYONI N'IBINDI KWAMBARA AMAHIRIZI NO KUYAMANIKA AHANTU, IBYO UKABIKORA WIRINGIYE KO BIBA IMPAMVU YO KUKURINDA ICYAKUBAHO CYANGWA KUGUKIZA AMASO MABI.

### IBANGIKANYAMANA RIKURU

(RIKURA UMUNTU MURI ISLAM, KANDI IMANA NTIRIBABARIRA UMUNTU ARAMUTSE ARIPFIRIYEMO), KUBA UMUNTU AGIRA IKIGIRWAMANA ASABA NKUKO ASABA IMANA CYANGWA ATINYA NKUKO ATINYA IMANA, YIRINGIRA CYANGWA AKUNDA NKUKO AKUNDA IMANA, CYANGWA SE AKORERA BUMWE MU BWOKO BWAMASENGESHO